REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**

**B.P 21 97 KIGALI**

**ICYEMEZO N°000/19/SC GIHANISHA AVOKA IHAZABU MBONEZAMUBANO KUBERA GUTINZA URUBANZA .**

Umwaka wa 2019, umunsi wa 09 w'ukwezi k'Ukwakira ;

Twebwe abacamanza bagize inteko iburanisha urubanza n° RS/INJUST/RCOM 00005/2018/SC ruburanamo PRIME Insurance Ltd na KANSIIME James, dufashijwe na GAKURU Ahmed, Umwanditsi w'Urukiko;

Tumaze kubona ko uru rubanza rwagombaga kuburanishwa ku itariki ya 09/10/2019, ababuranyi ndetse n'abavoka babo bakaba bari barasinyiye itariki mu Nama Ntegurarubanza yabaye ku itariki ya 19/07/2019;

Tumaze kubona ko ku itariki y'iburanisha, urubanza ruhamagawe maze rugasanga hitabye Me MASUMBUKO NDE Emile, uhagarariye PRIME INSURANCE Ltd, naho Me BANDORA Alfred atitabye ndetse n'uwo yunganira KANSIIME atitabye;

Tumaze kubona ko ku itariki ya 02/10/2019 Me BANDORA Alfred yashyize muri système (ikoranabuhanga rikoreshwa mu nkiko) itike y'indege avuga ko atazaba ari mu Rwanda ku munsi w'iburanisha, kuri uwo munsi Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga akamwandikira amusaba kwandikira Urukiko arusobanurira impamvu z'urugendo rwe kugira ngo rubisuzume ariko ntagire icyo asubiza;

Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 18, igika cya 2, y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko iyo gutinza urubanza ku bushake bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi maganabiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000);

Dusanze kuba Me BANDORA Alfred atarigeze amenyesha Urukiko impamvu atazitaba Urukiko ku munsi w'iburanisha ry'uru rubanza, ndetse yanabisabwa akanga kubikora, iyi myitwarire igomba gufatwa nk'uburyo bwo gutinza urubanza kubushake.

Hashingiwe ku ngingo ya 18, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru ndetse no ku bisobanuro byatanzwe, dutegetse ko Me BANDORA Alfred aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi maganane (400.000 Frw) kubera gutinza urubanza ku bushake .

Dutegetse ko Me BANDORA Alfred atemerewe kuzongera kuburana mu Nkiko z'u Rwanda atabanje kwishyura iyi hazabu hashingiwe ku ngingo ya 19, igika cya 2, y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ko iyo Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano adashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo arirwo rwose, igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa.

**KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE**

**Dutegetse** ko Me BANDORA Alfred aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana ane (400.000 Frw) kubera gutinza urubanza, akazongera kuburana ari uko amaze kuyishyura.

Dutegetse ko iki cyemezo gihita kimenyeshwa Me BANDORA Alfred, inkiko zose zo mu gihugu n'ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abavoka.

**Ni uko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga none ku itariki ya 09/10/2019.**

**Sé**
**KAYITESI Zainabo Sylvie**
**Perezida**

**Sé**
**CYANZAYIRE Aloysie**
**Umucamanza**

**Sé**
**NYIRINKWAYA Immaculée**
**Umucamanza**

**Sé**
**RUKUNDAKUVUGA F. Régis**
**Umucamanza**

**Sé**
**HITIYAREMYE Alphonse**
**Umucamanza**

**Sé**
**GAKURU Ahmed**
**Umwanditsi w'Urukiko**

Copie certifiée conforme à l'original

Greffier Gakuru Ahmed.